# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

NZERI 2024

## GUVERINERI KAYITESI YAYOBOYE INTEKO Y'ABATURAGE MU MURENGE WA MUSHUBI



SOMA PAJI YA 2

SOMA PAJI YA 5

## AKARERE KASHIMIYE ABAGIZE URUHARE MU MARUSHANWA Y'ISUKU N'ISUKURA, UMUTEKANO NO KURWANYA IGWINGIRA MU BANA



SOMA PAJI YA 10

## ABAGIZE INTEKO ITORA MU KARERE BITABIRIYE AMATORA Y'ABASENATERI





SOMA PAJI YA 12-13

## UMUYOBOZI WA YALLA YALLA GROUP, UMWE MU BAFATANYABIKORWA MU BUHINZI YASUYE AKARERE

# GUVERINERI KAYITESI YAYOBOYE INTEKO Y’ABATURAGE MU MURENGE WA MUSHUBI



***Guverineri KAYITESI yayoboye Inteko y’Abaturage muri Mushubi***

Guverineri w’Intara y’Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI yayoboye Inteko y’Abaturage mu Murenge wa Mushubi, asaba abaturage gukora cyane mu rwego rwo kwivana mu bukene.

Bimaze kumenyerwa ko ku gicamunsi cya buri wa Kabiri, mu Tugari twose tugize Akarere haba Inteko z’Abaturage aho abayobozi batandukanye bahura n’abaturage bakaganira kuri gahunda za Leta zinyuranye.

Muri izi Nteko kandi abaturage bafite ibibazo, ibyifuzo n’ibitekerezo babishyikiriza ubuyobozi bigahabwa umurongo.

Ni muri urwo rwego ku wa 17 Nzeri 2024, Guverineri w’Intara y’Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI ari kumwe n’Umuyobozi w’Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n’abaturage b’Akagari ka Buteteri, mu Murenge wa Mushubi mu Nteko y’Abaturage.

Guverineri KAYITESI yasabye abaturage ba Mushubi gukora cyane mu rwego rwo kwivana mu bukene binyuze muri gahunda ya Gira Wigire; kwirinda amakimbirane mu miryango; kwirinda indwara y'Ubushita bw’Inkende no kugira isuku.



***Guverineri KAYITESI yasabye abaturage gukora cyane***

Bafatanyije n'ubuyobozi bw'Umurenge, Guverineri KAYITESI, na Meya NIYOMWUNGERI bakiriye kandi baha umurongo ibyifuzo; ibitekerezo n’ibibazo by'abaturage.



***Muri iyi Nteko abaturage bagejeje kuri Guverineri ibyifuzo n’ibibazo byabo binahabwa umurongo***

# UMUYOBOZI W'AKARERE YIFATANYIJE N'ABATUYE UMURENGE WA GASAKA MURI SIPORO RUSANGE



***Meya NIYOMWUNGERI yitabiriye Siporo Rusange***

Ku wa 01 Nzeri 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'abari bahagarariye inzego z'umutekano mu Karere bifatanyije n'abatuye Umurenge wa Gasaka muri Siporo Rusange izwi ku izina ry'Imparirwamihigo Sport Day.

Abitabiriye iyi siporo bazengurutse Umujyi wa Nyamagabe, bakomereza kuri EP Sumba aho bakoreye imyitozo ngororamubiri.



***Abitabiriye Siporo Rusange babanje kuzenguruka Umujyi wa Nyamagabe***

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abitabiriye iyi Siporo Rusange kurushaho gukunda siporo kuko irinda indwara zitandura.

Yabasabye kandi kwirinda indwara y'Ubushita bw'Inkende, bagira isuku kandi birinda gukoranaho.



***Ababishatse bapimwe indwara zitandura nka Diyabete n'Umuvuduko w'Amaraso***

## UMUYOBOZI W'AKARERE YITABIRIYE INTEKO Z'ABATURAGE MU MIRENGE ITANDUKANYE



*Meya NIYOMWUNGERI mu Nteko y'Abaturage*

Ku wa 03 Nzeri 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Gifurwe, mu Murenge wa Buruhukiro mu gihe ku wa 10 Nzeri 2024 yayiboye mu Kagari ka Cyobe, mu Murenge wa Mushubi.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage gukora cyane mu rwego rwo kwivana mu bukene binyuze muri gahunda ya Gira Wigire; guhinga ubutaka bwose bwagenewe ubuhinzi kandi bakabuhingaho igihingwa kimwe cyatoranyijwe; kugira uruhare mu kwicungira umutekano barushaho kurara amarondo no kwirinda ubuharike n'ubusinzi.

By'umwihariko yabasabye kwirinda indwara y'Ubushita bw'Inkende barushaho kugira isuku kandi bakirinda gukoranaho.

Muri izi Nteko, hakiriwe ibibazo by'abaturage ndetse bihabwa umurongo.



*Meya NIYOMWUNGERI aganiriza abaturage kuri gahunda za Leta zitandukanye*

# AKARERE KASHIMIYE ABABAYE INDASHYIKIRWA MU MARUSHANWA Y'ISUKU N'ISUKURA, UMUTEKANO NO KURWANYA IGWINGIRA MU BANA



***Ababaye indashyikirwa mu marushanwa y'isuku n'isukura, umutekano no kurwanya igwingira mu bana barashimiwe***

Ku wa 05 Nzeri 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yayoboye umuhango wo gushimira Imirenge, Ibigo Nderabuzima n'Ibigo by'Amashuri byo mu Karere byabaye indashyikirwa mu marushanwa y'isuku n'isukura, umutekano no kurwanya igwingira mu bana.

Visi Meya UWAMARIYA yashimiye buri wese wagize uruhare muri aya marushanwa.

Yavuze ko udushya bahanze by'umwihariko mu bijyanye n'isuku n'isukura tugira uruhare rukomeye mu kugabanya ingengo y'imari igenda mu kwita ku bikorwaremezo.

Umurenge wa Gasaka ni wo wegukanye umwanya wa mbere mu Ntara y'Amajyepfo, mu marushanwa y'isuku n'isukura, umutekano no kurwanya igwingira mu bana aho wahembwe imodoka.




***Mu marushanwa y'isuku n'isukura, umutekano no kurwanya igwingira mu bana, Umurenge wa Gasaka ni wo wabaye uwa mbere mu Ntara y'Amajyepfo***

Muri uyu muhango hahembwe kandi Ibigo by'Amashuri byatsindishije neza mu bizamini bya Leta bisoza umwaka w'amashuri wa 2022-2023.

Hanahembwe Umurenge n'Utugari byabaye indashyikirwa mu bukangurambaga bw'umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza mu mwaka wa 2023-2024.




***Visi Meya UWAMARIYA yashimiye buri wese wagize uruhare muri aya marushanwa***




***Ibigo by'Amashuri byatsindishije neza mu mwaka wa 2022-2023 na byo byarashimiwe***

## MU KARERE HAMURITSWE IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI KURI GAHUNDA Y'INZIRA Y'UMUTUZO



*Visi Meya UWAMARIYA akurikirana ibyavuye mu bushakashatsi kuri gahunda y'Inzira y'Umutuzo*

Ku wa 11 Nzeri 2024, mu Murenge wa Cyanika habereye igikorwa cyo kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe hagamijwe kureba uko gahunda yiswe Inzira y'Umutuzo yafashije mu isanamitima, abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bemeye icyaha bakanasaba imbabazi n'abayirokotse.

Abagenerwabikorwa b'Inzira y'Umutuzo bavuga ko yabafashije cyane mu rugendo rw'isanamitima no komorana ibikomere, ubu bakaba bameze neza kandi babanye mu mahoro.



*Umwe mu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 avuga ko nyuma yo guhabwa inyigisho binyuze muri gahunda y'Inzira y'Umutuzo abanye neza n'uwishe abo mu muryango we*

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA wari umushyitsi mukuru muri iki gikorwa, yashimiye abaterankunga b'iyi gahunda, abizeza ubufatanye mu rugendo rwo gufasha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'abayigizemo uruhare komorana ibikomere.

Yashimiye kandi abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'abayigizemo uruhare bemeye icyaha bakanasaba imbabazi ku bwo gutera intambwe yo gufatanya urugendo rw'isanamitima no komorana ibikomere, abizeza ko ubuyobozi bw'Akarere buzakomeza kubaba hafi muri uru rugendo.



*Ubushakashatsi kuri gahunda y'Inzira y'Umutuzo bwagaragaje ko abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'abayigizemo uruhare bwakoreweho babanye neza*

Mu Karere ka Nyamagabe, ubushakashatsi ku musanzu w'Inzira y'Umutuzo mu rugendo rw'isanamitima no komorana ibikomere bwakorewe mu Mirenge 4 ari yo Cyanika, Gasaka, Tare na Kitabi.

## VISI MEYA USHINZWE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE YAKOREYE IGITONDO CY'ISUKU MURI CYANIKA ASHIMA ISUKU YAHASANZE



*Abaturage ba Cyanika mu Gitondo cy'Isuku*

Ku wa 10 Nzeri 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yakoranye Igitondo cy'Isuku n'abatuye Umurenge wa Cyanika by'umwihariko abo mu Midugudu ya Gasharu na Munyinya yo mu Kagari ka Gitega n'abanyeshuri bo muri GS Rugogwe.

Visi Meya UWAMARIYA yashimiye abitabiriye iyi gahunda, abasaba kuyikomeza.

By'umwihariko yasabye abanyeshuri bo muri iri Shuri kugira isuku umuco, bihatira gukaraba intoki kenshi mu rwego rwo kwirinda indwara zituruka ku mwanda zirimo Ubushita bw'Inkende.



*Visi Meya UWAMARIYA yasabye abanyeshuri ba GS Rugogwe kujya bakaraba intoki kenshi*

## UMUYOBOZI W'AKARERE YAKORANYE IGITONDO CY'ISUKU N'ABATUYE UMURENGE WA MUSHUBI



*Meya NIYOMWUNGERI mu Gitondo cy'Isuku i Mushubi*

Ku wa 17 Nzeri 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n'abatuye Umurenge wa Mushubi by'umwihariko ab'Akagari ka Gashwati, mu Gitondo cy'Isuku aho bakoze isuku muri santeri y'ubucuruzi ya Mushubi.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage b'Umurenge wa Mushubi kwita ku isuku muri rusange yaba iyo ku mubiri, iy'aho batuye, iy'aho bakorera n'ahandi.



*Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage kwita ku isuku muri urusange*

# ABAZAHABWA INZU MURI SITE Y'IMITURIRE YA NYABIVUMU BAGARAGARIJWE IMITERERE YAZO N'UKO BAZAJYA BAZISHYURA



***Abazahabwa inzu muri site ya Nyabivumu baraganirijwe***

Ku wa 11 Nzeri 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'uwari uhagarariye Umushinga EarthEnable baganirije abazahabwa inzu zigiye kubakwa n'uyu Mushinga muri site y'imiturire ya Nyabivumu iherereye mu Murenge wa Gasaka.

Nyuma y'uko hatunganyijwe igishushanyombonera cy'Akarere bikemezwa ko site ya Nyabivumu izubakwamo inzu zo guturamo zijyanye n'icyerekezo cy'igihugu, Akarere kagiye mu biganiro n'umushoramari witwa EarthEnable wubaka inzu ziciriritse akazitanga ku nguzanyo yishyurwa mu gihe kirekire.




***Aba DASSO n'Abarimu bo mu Mashuri Abanza ni bamwe mu bazahabwa inzu muri site ya Nyabivumu***

Nyuma y'ibiganiro byabaye mu bihe bitandukanye hagati y'ubuyobozi bw'Akarere n'ubwa EarthEnable, hafashwe umwanzuro wuko site ya Nyabivumu igiye kubakwamo inzu zo guturamo zikazahabwa ku nguzanyo y'igihe kirekire abakozi bafata umushahara uringaniye.

Meya NIYOMWUNGERI yavuze ko abazaza ku isonga mu guhabwa izi nzu barimo Abarimu bigisha mu Mashuri Abanza, aba DASSO n'abandi nkabo, bakazajya bazishyura buri kwezi.

Yavuze kandi ko mu nzu zigera ku 120 zizubakwa muri iyi site, izingana n'10% zizahabwa abatuye mu Nkambi y'Impunzi ya Kigeme.



***Meya NIYOMWUNGERI yabwiye abazahabwa inzu muri site ya Nyabivumu ko bazajya bazishyura buhoro buhoro***

Biteganyijwe ko izi nzu zizaba zifite agaciro kari hagati ya miliyoni 5 na miliyoni 8 z'amafaranga y'u Rwanda zizishyurwa mu gihe cy'imyaka 10.

Mu gihe ibikenewe byose byaba bimaze gushyirwa ku murongo, mu ntangiriro z'umwaka utaha wa 2025, izi nzu zatangira kubakwa.

# MU KARERE HABAYE INAMA NYUNGURANABITEREZO KU KURWANYA IMIRIRE MIBI N'IGWINGIRA MU BANA



***Visi Meya yayoboye inama ku kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana***

Ku wa 12 Nzeri 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA ari kumwe n'Umuyobozi Mukuru Wungirije w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA), Bwana Gilbert MUNYEMANA yayoboye inama nyunguranabitekerezo ku kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana mu Karere.

Visi Meya UWAMARIYA yasabye abitabiriye inama kongera imbaraga mu kurandura ikibazo cy'igwingira mu bana ku buryo uyu mwaka wa 2024-2025, wazasiga kigabanyijwe ku kigero cya 16% mu Karere.





***Visi Meya UWAMARIYA yavuze ko Akarere kahagurukiye kurandura igwingira mu bana***

Bucyeye bwaho, ni ukuvuga ku wa 13 Nzeri 2024, mu Murenge wa Cyanika habereye ikiganiro ku buryo buboneye bwo kurinda abana imirire mibi n'igwingira cyatambukaga ako kanya kuri Radio Rwanda.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yavuze ko gutoza abaturage korora amatungo magufi abafasha kubona ibikomoka ku matungo byo kugaburira abana ari kimwe mu bikorwa Akarere kagiye kongeramo imbaraga mu kurushaho guhangana n'imirire mibi n'igwingira mu Karere.

Imibare yakusanyijwe mu cyumweru cyahariwe kwita ku buzima bw'umwana n'umubyeyi cyabaye muri Kamena uyu mwaka wa 2024, igaragaza ko mu myaka 4 ishize Akarere ka Nyamagabe kagabanyije igwingira mu bana ho 17.6% kuko ijanisha ryavuye kuri 36.6% muri 2020, rigera kuri 19% muri 2024.




***Ku bijyanye n'igwingira, mu myaka 4 ishize Akarere kavuye kuri 36.6% kagera kuri 19%***

# ABAGIZE INTEKO ITORA MU KARERE BITABIRIYE AMATORA Y'ABASENATERI




***Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yitabiriye Amatora y'Abasenateri***

Ku wa 16 Nzeri 2024, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, Abayobozi b'Akarere Bungirije (bombi), Abajyanama mu Nama Njyanama y'Akarere n'abandi bagize Inteko Itora bitabiriye Amatora y'Abasenateri bahagarariye Intara y'Amajyepfo.



***Meya NIYOMWUNGERI umwe mu bagize Inteko Itora yitabiriye Amatora y'Abasenateri bahagarariye Intara y'Amajyepfo***

Itangazo ryashyizwe ahagaragara na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku wa 20 Nzeri 2024, rigaragaza ko mu Matora y'Abasenateri yabaye tariki 16 na 17 Nzeri 2024, UMUHIRE Adrie wagize amajwi 70,42%, UWERA Pelagie wagize amajwi 62,91% na CYITATIRE Sosthène wagize amajwi 61,74% ari bo batowe nk'Abasenateri bahagarariye Intara y'Amajyepfo.



Repubulika y'u Rwanda

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Hashingiwe ku Itegeko Ngenga No 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe, mu ngingo yaryo ya 67,

Uyu munsi ku wa 20 Nzeri 2024, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora atangaje burundu ibyavuye mu matora y'Abasenateri 14, yabaye tariki 16 na 17 Nzeri 2024, ku buryo bukurikira:

ABASENATERI BATOWE MU NTARA N'UMUJYI WA KIGALI

INTARA Y'AMAJYARUGURU

| Amazina | Amajwi | Ijanisha |
|---|---|---|
| NYINAWAMWIZA Laetitia | 246 | 73,00% |
| RUGIRA Amandin | 211 | 62,61% |

INTARA Y'AMAJYEPFO

| Amazina | Amajwi | Ijanisha |
|---|---|---|
| UMUHIRE Adrie | 300 | 70,42% |
| UWERA Pelagie | 268 | 62,91% |
| CYITATIRE Sosthène | 263 | 61,74% |

***Abasenateri 3 ni bo batorerwa guhagararira Intara y'Amajyepfo***

Imyanya y'Abasenateri mu Rwanda ni 26 ariko 12 ni yo itorerwa.

Uretse aba 12 batorwa bagahagararira Intara n'Umujyi wa Kigali, abandi bashyirwaho na Perezida wa Repubulika, abandi nabo bakemezwa n'Ihuriro ry'Amashyaka mu gihe abandi batorwa mu Barimu ba za Kaminuza n'Amashuri Makuru.

## MU NAMA RUSANGE YA CNF Y'INTARA, AKARERE KA NYAMAGABE KASHIMIWE KWEGUKANA UMWANYA WA 3 MU MIHIGO YA MUTIMAWURUGO YA 2023-2024




***Abitabiriye Inama Rusange ya 23 y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Intara***

Ku wa 19 Nzeri 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yashyikirijwe ishimwe ryagenewe Akarere nyuma yuko kegukanye umwanya wa 3 ku rwego rw'Intara y'Amajyepfo mu mihigo ya Mutimawurugo y'umwaka wa 2023-2024.

Ni umuhango wabereye mu Karere ka Muhanga ahari habereye Inama Rusange ya 23 y'Inama y'Igihugu y'Abagore (CNF) ku rwego rw'Intara y'Amajyepfo.

Mu ijambo rye, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI wayoboye iyi nama yashimiye abagore ku bw'uruhare bagira mu kubaka umuryango nyarwanda.

Yaragize ati: "Ba Mutimawurugo mufite uruhare rukomeye mu kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye nk'imwe mu ntego zikomeye dufite mu kubaka Igihugu mu buryo burambye."

Iyi nama ngarukamwaka yari igamije kurebera hamwe ibikorwa byagezweho na CNF mu nkingi zose no kugaragaza ibikorwa bizitabwaho mu mwaka wa 2024-2025; kureba imbogamizi uru rwego ruhura nazo no kuzishakira ibisubizo, yasojwe n'igikorwa cyo gusinya imihigo ya Mutimawurugo y'umwaka wa 2024-2025 no guhemba Uturere twitwaye neza mu mihigo y'umwaka wa 2023-2024 aho Akarere ka Nyamagabe kaje ku mwanya wa 3.



***Visi Meya mu bitabiriye Inama Rusange ya CNF ku rwego rw'Intara***




***Akarere ka Nyamagabe kabaye aka 3 mu mihigo ya Mutimawurugo mu mwaka wa 2023-2024***

## UMUYOBOZI WA YALLA YALLA GROUP, UMWE MU BAFATANYABIKORWA MU BUHINZI YASUYE AKARERE



***Visi Meya HABIMANA yakiriye Umuyobozi wa Yalla Yalla Group***

Ku wa 20 Nzeri 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yakiriye Umuyobozi Mukuru wa Yalla Yalla Group, Bwana NDAYIZIGIYE Emmanuel baganira ku kongera imbaraga mu bufatanye mu buhinzi.

Mbere yo kwakirwa na Visi Meya HABIMANA, Umuyobozi Mukuru wa Yalla Yalla Group ari kumwe n'itsinda yari ayoboye babanje gusura Koperative Ingenzi za Kamegeri ikorera ubuhinzi mu gishanga cya Mwogo giherereye mu Murenge wa Kamegeri.



***Umuyobozi wa Yalla Yalla Group yasuye Koperative Ingenzi za Kamegeri***

Yashimye uburyo abanyamuryango b'iyi Koperative babyaza umusaruro iki gishanga. By'umwihariko yashimye uburyo mu gihe cy'impeshyi bakibyaje umusaruro mu buhinzi bw'imboga bafashijwemo na Yalla Yalla Group.

Abahinzi batewe inkunga y'ibikoresho bigezweho byo gutera imiti irwanya indwara n'ibyonnyi, banagenerwa abakozi b'impuguke babafasha mu kubungabunga ibikorwaremezo byo kuhira.



***Itsinda rya Yalla Yalla Group rigenzura umusaruro weze mu gishanga cya Kamegeri***

Mu mpeshyi y'uyu mwaka wa 2024, ni bwo ku nshuro ya mbere abanyamuryango ba Koperative Ingenzi za Kamegeri bahinze mu gishanga cya Mwogo imboga ku buso bungana na hegitari 6.

Kuri ubu aba bahinzi barishimira umusaruro bakuye muri ubu buhinzi bw'imboga.

Mukazamazimpaka Mérène umwe muri aba bahinzi avuga ko amafaranga yakuye mu mboga yahinze muri iki gishanga mu gihe cy'impeshyi yamugiriye akamaro gakomeye.

Yaragize ati: “Nahinze karoti, ibitunguru n’amashu ku buso buto cyane. Byose hamwe nakuyemo amafaranga y’u Rwanda agera ku bihumbi 80 bimfasha kujyana abana ku Ishuri kandi dukuraho n’izo kurya, n’ubu turacyarya mu gihe mu myaka yabanje habaga hari gupfa ubusa.”



***MUKAMAZIMPAKA uhinga mu gishanga cya Mwogo avuga ko ubuhinzi bw’imboga bwamugiriye akamaro gakomeye***

Ubuyobozi bw’Akarere buvuga ko ku bufatanye n’abafatanyabikorwa batandukanye mu bijyanye n’ubuhinzi, hari gushyirwa imbaraga mu buhinzi bw’imboga cyane cyane mu gihe cy’impeshyi.

Undi mufatanyabikorwa w’Akarere mu buhinzi bw’imboga ni Umushinga Hinga Wunguke.

Ubwo ku wa 11 Nzeri 2024 Daniel Gies, Umuyobozi w’uyu Mushinga yakirwaga na Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, Umuyobozi w’Akarere, yashimye imbaraga ubuyobozi bushyira mu buhinzi.

Yizeje Akarere ubufatanye mu kuzamura ubuhinzi by'umwihariko ubw'imboga.



***Umuyobozi wa Hinga Wunguke yizeje Akarere ubufatanye mu kuzamura ubuhinzi bw’imboga***

# IGIHEMBWE CY'IHINGA 2025A KU RWEGO RW'AKARERE CYATANGIRIJWE MU GISHANGA CYA RWONDO



*Igihembwe cy'ihinga 2025A cyatangirijwe mu gishanga cya Rwondo*

Ku wa 24 Nzeri 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungurije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA ari kumwe n'abahagarariye inzego z'umutekano hamwe n'abafite aho bahuriye n'urwego rw'ubuhinzi, yatangirije ku rwego rw'Akarere, igihembwe cy'ihinga 2025A mu gishanga cya Rwondo giherereye mu Kagari ka Ruganda, mu Murenge wa Gatare.

Muri iki gishanga hatewe imbuto y'ibigori yo mu bwoko bwa WH 605 ku buso bungana na hegitari 12, ziyongera kuri 30 zari ziteye.

Iki gishanga gifite ubuso bungana na hegitari 72, ariko kuri ubu izihingwa ni 60.

Igihembwe cy'ihinga 2025A cyatangijwe mu Mirenge yose igize Akarere.

Nyuma yo gutangiza igihembwe cy'ihinga 2025A, Visi Meya HABIMANA yahise ayobora Inteko y'Abaturage muri aka Kagari ka Ruganda.



*Visi Meya HABIMANA yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Ruganda*

Yasabye abaturage guhinga ubutaka bwose bwagenewe ubuhinzi; kurangwa n'isuku; gutanga umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza; kwizigamira muri gahunda ya Ejo Heza; kwirinda amakimbirane; kwicungira umutekano barushaho kurara amarondo no kuzamura uruhare rwabo muri gahunda yo kugaburira abana ku ishuri (School Feeding Program.)



*Igishanga cya Rwondo gihingwa ku buso bwa hegitari 60*



*Muri iyi Nteko, abaturage bahawe umwanya babaza ibibazo banatanga ibitekerezo*

## PEREZIDA W'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YAKOREYE UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA NZERI MU MURENGE WA GASAKA



***Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame UWAMAHORO mu Muganda Rusange***

Ku wa 28 Nzeri 2024, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA n'abahagarariye Ingabo na Polisi bifatanyije n'abatuye Umurenge wa Gasaka by'umwihariko Akagari ka Nyamugari mu gikorwa cy'Umuganda Rusange usoza ukwezi kwa Nzeri 2024. Bakoze isuku ku muhanda wa Kaburimbo Huye-Nyamagabe-Rusizi ku gice cyawo giherereye mu Mudugugu wa Nyarusange.



***Visi Meya HABIMANA mu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Nzeri 2024***

Nyuma y'Umuganda, abaturage basabwe gukora cyane mu rwego rwo kwivana mu bukene; kugira isuku; kubungabunga ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, birinda gutwika amashyamba; inzuri; ibishanga; imyanda yo mu ngo no ku gasozi.

Basabwe kandi gutanga umusoro ku mutungo utimukanwa; umusoro ku nyungu z'ubukode n'iyindi.



***Abaturage basabwe gukora cyane mu rwego rwo kwivana mu bukene***

Hatanzwe kandi ubutumwa bw'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga (NCPD) bwo korohereza abari mu gikorwa cy'ikusanyamakuru kigamije kumenyesha abafite imbogamizi zitandukanye ku buzima, zirimo kugenda; kumva; kuvuga; kubona; uruhu; imitekerereze n'ibindi mu rwego rwo gufasha Leta gukora igenamigambi ryo gukuriraho imbogamizi abazagaragaza ko bazifite.

Mu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Nzeri 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yifatanyije n'abatuye Umurenge wa Kitabi aho nabo bakoze isuku ku muhanda Huye-Nyamagabe-Rusizi, banatunganya umuhanda w'umugenderano.

## INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YATERANYE IREBA AHO IMIHIGO Y'AKARERE YA 2024-2025 IGEZE YESWA



***Perezida wa Njyanama, Madame UWAMAHORO yayoboye inama isanzwe***

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO yayoboye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere isoza igihembwe cya mbere cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025 yasuzumiwemo ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025 na gahunda y'itangwa ry'amasoko n'ibindi.

Ku wa 30 Nzeri 2024, ni bwo igihembwe cya mbere cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2024 cyasojwe.

Ni muri urwo rwego mbere yuko gisozwa, inama Njyanama y'Akarere yateranye irebera hamwe uko iki gihembwe cyagenze.

Inama yarebeye hamwe aho imihigo y'Akarere yo muri iki gihembwe igeze yeswa n'aho gahunda y'itangwa ry'amasoko y'Akarere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025 igeze.

Muri iyi nama kandi hasuzumwe ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023.

Iyi nama kandi yemeje imishinga y'inyungu rusange, ahasazashyirwa irimbi rusange mu Murenge wa Tare n'ibiruhuko by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere.



***Inama yitabiriwe n'abagize Inama Njyanama y'Akarere***

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**

**www.nyamagabe.gov.rw**